



# Murakaza neza mu Rugo Rwanyu Rushya

Imfashanyigisho  
Yoroshye ku Birebana  
no Kwita ku Rugo

# Murakaza neza mu Rugo Rwanyu Rushya

## Imfashanyigisho Yoroshye ku Birebana no Kwita ku Rugo

Abakozi b'ikigo gishinzwe kwimura no gutuza abantu bashobora gukoresha iyi mfashanyigisho nk'igice cy'inyigisho yabo yo gufasha abantu kumenya aho baba kugira ngo bigishe abimukira bashya ibijyanye n'ibibazo by'ingenzi bijyanye no kubungabunga amazu.

### Ibirimo

[Ibikoresho Bikunze Gukoreshwa mu Rugo](#)

[Mbere yo Kwimukira mu Nzu Kwita ku](#)

[Mutekano w'Inzu Yawe](#)

[Amabaruwa yo ku Iposita n'Amatangazo](#)

[Uko Waba Umaturanyi Mwiza](#)

[Gukoresha Neza Umuriro](#)

[Incamake](#)

## Kwita ku Nzu

Imirimo ikorwa buri gihe kugira ngo inzu n'ibikoresho byayo bikomeze kumera neza, biyirinde kwangirika cyane kandi habe ari ahantu heza ho kuba hakora neza.

---

## Ibyerekeye Settle In

Settle In ni isoko yawe yizewe y'amakuru meza kandi nyayo afasha abimukira bashya kumenya ibyerekeye Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Imbuga za Settle In zitangirwaho amakuru ziboneka mu ndimi nyinshi kandi ziha abimukira bashya ibikoresho by'ingenzi, inama, n'ubufasha mu ndimi zitandukanye kugira ngo bibafashe kumenyera ubuzima bwo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

## Ibyerekeye Switchboard

Switchboard ni ihuriro ry'abatanga serivisi ku mpunzi muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika kandi itanga ibikoresho, amahirwe yo kwiga n'ubufasha bw'ikoranabuhanga ku ngingo zijyanye no kwimura no gutuza.

Iterwa inkunga na ORR, Switchboard ishyirwa mu bikorwa na IRC.

IRC yabonye inkunga y'amafaranga binyuze muri Minisiteri y'Ubuzima n'Imibereho Myiza muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Ishami Rishinzwe Abana n'Imiryango, Inkunga #90RB0053. Leta ya Amerika ni yo yishyura 100% by'uyu mushinga. Ibikubiye muri iyi nyandiko ni inshingano z'abanditsi gusa kandi ntibigaragaza ibitekerezo nyabyo bya Minisiteri y'Ubuzima n'Imibereho Myiza muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Ishami Rishinzwe Abana n'Imiryango.

# Ibikoresho byo mu Rugo n'Ibimenyetso muri Iyi Mfashanyigisho

## Ibikoresho Bikunze Gukoreshwa mu Rugo



Imenyeshya ryo Gusohoka mu Nzu



Firigo



Ravabo/Robine



Igikoresho cyo Kuzimya Inkongi



Igitakaramo Imyanda yo muri Ravabo



Benwari/Uruka rabiho



Impuruza y'Umwotsi



Ishyiga




Ubwiherero




Ikimoteri



Imashini yoza amasahani




Icyuma kiregera ubushyuhe n'ubukonje



Imashini Imesa Imyenda



Icyuma gikoreshwa mu itumanaho



Imashini Itanga Akayaga Gahehereye mu Nzu

## Ibimenyetso Byakoreshejwe muri Iyi Mfashanyigisho



Yego

Kora ibyo ifoto ikwerekana.



Oya

Wikora ibyo ifoto ikwerekana.

# Mbere yo Kwimukira mu Nzu

## Kugenzura mu Buryo Bwimbitse




Mbere yo kwimukira mu nzu, jya ujyana na nyir'inzu mu nzu kugira ngo murebe uko imeze, murebe n'ibyangiritse cyangwa ibikeneye gusanwa.

[Koresha urutonde](#) rwo kuvivura ibikoresho kugira ngo wandike ibisubizo by'igenzura, kandi ufate amafoto igihe bibaye ngombwa. Nyir'inzu azajya agumana kopi y'urutonde rw'ibyasuzumwe kandi nawe uzagumana kopi yabyo uyibike. Ibi bizagufasha kwirinda ko nyir'inzu agukata amafaranga y'ibyangiritse kuri kosiyo yawe atari wowe wabyangije.

# Kwishyura Fagitire

Jya wishyura buri kwezi amafaranga y'ubukode bw'inzu, ayo kuriha ibikenerwa by'ibanze (amashanyarazi, amazi, gazi n'ibindi) n'izindi fagitire ku gihe, kugira ngo wirinde kwishyura amande y'ubukererwe kandi ugume uri inyangamugayo.



Kuba inyangamugayo bizagufasha kubona uburenganzira bwo kubona indi nyubako yo kubamo no kuguza amafaranga ku batanga inguzanyo bafite ikigero cy'inyungu cyiza kugira ngo ugure inzu, imodoka, cyangwa wishyure amashuri. Koresha urutonde rwa buri kwezi rwo kuvivura ibyakozwe cyangwa ushyireho uburyo bwo kukwibutsa kuri telefoni cyangwa kuri kalendari kugira ngo bigufashe kwishyura fagitire ku gihe. Reba amasezerano yawe urebe uburyo bwo kwishyura bwemewe na nyir'inzu. Akenshi nyir'inzu yakira amafaranga y'ubwishyu bw'ubukode bwakozwe hakoreshejwe sheki cyangwa ubwishyu bwakozwe hifashishijwe uburyo bw'ikorananbuhanga. Ntuzohereze amafaranga ku iposita!



Amasezerano yawe y'ubukode azakubwira amafaranga y'ubukode n'itariki ntarengwa yo kuyishyura. Niba wishyuye nyuma y'itariki ntarengwa, nyir'inzu ashobora kuguca amafaranga y'ubukererwe bitewe n'ibiri mu masezerano y'ubukode. Niba utishyuye cyangwa wishyuye nyuma y'itariki ntarengwa, nyir'inzu ashobora kuguha imenyeshya rigusaba kwishyura cyangwa kwimuka. Nyir'inzu kandi ashobora gutanga ikirego cyo kugusaba kuva mu nzu. Kugira ngo izi ngamba zifatwe, nyir'inzu agomba gukurikiza ibisabwa biri mu masezerano y'ubukode no mu mategeko y'aho atuye.

Kugira ngo ubone amakuru y'inyongera ku nshingano z'ukodesha, reba Agatabo k'Amakuru y'Abakodesha.

[Tenant Toolkit.](#)


# Kwita ku Nzu Yawe

## Umutekano w'Uruganiriro no Kuhabungabunga



### Hasi

- Sukura amatapi ukoresheje icyuma gikurura umwanda byibuze inshuro ebyiri mu cyumweru ahantu hakunze kugendwa n'abantu, kandi byibuze inshuro imwe mu bindi bice. Kubura ibice byo hasi bikomeye nk'ibice bikozwe mu mbaho, vinyl, amakaro, cyangwa laminate byibuze inshuro imwe mu cyumweru.
- Koresha udutapi duto two kwihanagurizaho imyanda yo mu nkweto imbere y'umuryango kugira ngo ugabanye umwanda winjira mu nzu. Kuramo inkweto zose ku muryango w'inzu. Ibi bizagufasha ko hasi haguma hasa neza.
- Ntukamene ibyo kunywa ku matapi. Bizinjira mu itapi bigeremo imbere mu ipamba maze bitere ikizinga kizagorana kugikuraho. Ubwo buhehere bw'ibyo kunywa bushobora gutuma hazaho urubobi n'uruhumbu. .
- Hita uhasukura ako kanya! Ushobora gukoresha amazi arimo isabune cyangwa igikoresho gisukura itapi ushobora kugura mu iduka.
- Ntuzigere ukoresha amzi ya bleach hasi!
- Niba uri kugorwa no gukuraho ikizinga, saba inama umuyobozi ushinzwe dosiye yawe.
- Ku bizinga bikomeye cyane, kodesha imashini yo gukora isuku mu iduka rishobora kugurisha ibikoresho byo mu nzu cyangwa mu isoko.



## Inkuta

- Koresha uburyo bwo kudatobora inkuta kugira ngo umanike mu nzu amafoto n'imitako no gushyiramo ibindi bikoresho utangije inkuta. Irinde gucukura mu nkuta. Nuramuka ucukuye mu nkuta, hasane mbere yo kuva muri iyo nzu.
- Igishe abana kudashushanya ku nkuta bakoresheje amakaramu, amakereyo n'ibindi bintu.
- Ntugatere irangi inkuta keretse ufite uruhushya rwanditse rwa nyir'inzu. Nubwo ufite uruhushya rwa nyir'inzu rukwemerera gutera irangi inkuta ku kiguzi cyawe, ni ibisanzwe ko asaba ko inkuta zisubizwa ku mabara zari zisanganwe mbere yo kwimuka, kandi ibi bizaba ku kiguzi cyawe. .



## Amadirishya n'ibikoresho by'Amadirishya

- Amadirishya ntogomba guterwa irangi ku buryo atabasha gufunguka. Nubona amadirishya adashobora gufungurwa mbere yo kwimuka, saba nyir'inzu kubikosora. Nubona ko irangi ryatangiye gushishuka ku madirishya mbere yo kwimukira mu nzu, saba nyir'inzu kongera gutera irangi ku madirishya.
- Jya witonda uri hafi y'amadirishya no mu gihe uri gufunga cyangwa ufungura amadirishya kugira ngo wirinde kuyangiza.
- Igishe abana kudakinira hafi y'amadirishya cyangwa mu bikoresho by'amadirishya nk'ibice bifata ibirahure n'ibice bifata amarido. .



## Ibikoresho byo mu Nzu

- Ibikoresho byo mu nzu (nk'imifariso/intebe zo kwegamiramo, ameza, intebe, ibitanda, utubati two kubikamo ibitabo, n'utubati dusanzwe) bishobora kuba ari ibyanyu muzabyimukana nimusohoka mu nzu cyeretse muri hoteli cyangwa inyubako irimo ibikoresho byose. Ibikoresho byo mu nzu bizamara igihe kinini nubwitaho neza bigahora bisukuye kandi ukabibungabunga. Imukana ibikoresho byose n'ibintu byawe igihe uvuye mu nyubako. Niba utazi neza igikoresho ushobora kubika, saba inama ku mukozi ushinze dosiye yawe cyangwa urebe amasezerano yawe y'ubukode.
- Egereza inkuta ibikoresho byo mu nzu birebire nk'utubati two kubikamo ibitabo, utubati dusanzwe turimo tiruwari n'utubati two kubikamo imyenda kugira ngo bitagwa bigakomeretsa abantu bakuru n'abana.
- Gukinira ku bikoresho byo mu nzu bishobora gutuma umuntu avunika cyangwa igikoresho kikangirika. Igishe abana kwitondera no kudakinira ku bikoresho byo mu nzu cyangwa ku bintu biri mu nzu yawe. Ntukemere ko burira cyangwa basimbuka ku bikoresho byo mu nzu. Kugira ngo urinde abana bato, shyira ibintu birimo amapamba ku nguni zose z'ameza, etajeri, utubati dusanzwe, n'ibindi.
- Ibikoresho bisanzwe byo mu nzu birimo imashini zikoreshwa mu guteka, ifuru, imashini yoza amashani, firigo, microwave (icyuma gishyushya amafunguro), imashini imesa imyenda n'imashini yumutsa. Ntukwiye gukuramo ibikoresho byatanzwe na nyir'inzu. Mu miji imwe n'imwe, nyir'inzu ashobora gutanga firigo, microwave (icyuma gishyushya amafunguro), imashini yoza amashani cyangwa imashini yumutsa. Ushobora kwimura ibikoresho wiguriye cyangwa wikodeshereje byonyine.

# Imperi




- Imperi ziba mu myenge no mu mfuruka z'ibikoresho harimo imyenda, ibikoresho byo mu nzu, aho inkuta zifatira, amatapi n'ibisaswa (matora, amasaso y'igitanda, imitwe y'ibitanda n'ibindi). Zikunze kwihisha mu misego, intebe zo kwegamiraho, imifariso no mu buriri.
- Aho imperi zarumye harababaza, hararyaryata kandi haba hatukuye. Uruhu ruba rugaragara nk'urubyimbye hameze nk'igiheri.
- Ntuzigere winjiza igikoresho cyo mu nzu cyajugunywe n'abandi bantu mu rugo rwawe!
- Niba ufite imperi, mesa imyenda yawe yose, amashuka yose, ibyo kwiyorosa byose n'ibindi bintu byose bikoreshwa mu gitanda mu mazi ashushye arimo isabune hanyuma ubyumishe mu mashini yumutsa ishyushye iri ku bushyuhe bwo hejuru nibura mu gihe cy'iminota 30. Sukura matora yawe, ibikoresho byo mu nsu n'amatapi ukoresheje uburose bwabugenewe hanyuma ukoreshe igikoresho gikurura umwana, aho inkuta zifatira n'ahandi hantu handuye. Hita ujanya ako gakoresho gakurura imyanda mu myanda ako kanya.
- Kura ibikoresho byose ku nkuta. Ntugatume ibyo washashe bikora hasi.
- Shyira uducupa turimo isabune y'amazi munzi y'amaguru y'isaso ry'igitanda cyangwa hafi y'aho ubona imperi. Ku makuru arambuye ku buryo bwo kwirukana imperi ubyikoreye ubwawe, soma inyandiko ya Do-It-Yourself Bed Bug Control (Irukana Imperi Ubyikoreye) yateguwe n'Ikigo cy Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Kurengera Ibidukikije.
- Niba ukibona imperi nyuma yo kugerageza kuzirukana wowe ubwawe, shaka inzobere mu kwica udukoko.

# Umutekano w'Igikoni no Kukibungabunga



## Gutegura Amafunguro

- Mu gihe uri gukoresha icyuma, ntugakatire ibintu ahagenewe gutereka ibyo gukatiraho kuko bizahangiza
- kandi bizagusaba ko wishyura ibyo byangiritse. Jya ukoresha buri gihe igikoresho cyo gukatiraho mu gihe uri gukata ukoresheje icyuma.
- Ntuzigere ukatira ibintu hasi!



- Ntuzigere ushyira isafuriya ishyushye cyangwa ikindi kintu gishyushye cyangwa icyo umaze gutekaramo ahagenewe gutereka ibintu, ameza cyangwa hasi! Buri gihe ujye ushyira agapamba kagenewe guterekaho ibintu bishyushye cyangwa agatambaro kadatose muni y'ikintu watekeyemo gishyushye cyangwa icyo waruriyemo gishyushye.



## Isuku Nyuma yo Gufata Amafunguro

- Hanagura buri muni ahagenewe gutereka ibintu kandi uhite ukuraho ibiryo byatakaye hasi cyangwa ahandi hantu.
- Ntugasige ibiryo birangaye biri ahagenewe gutereka ibintu cyangwa ahandi hantu. Gusiga ibiryo bidapfundikiye bishobora gukurura udukoko, inyenzi n'imbeba. Ushobora gukenera kwishyura abashinzwe mu kurwanya ibyonnyi nibigenda bityo!




- Ni byiza gupfundikira ibyo kurya no kubibika muri firigo. Pfundikira ibyo kurya ukoresheje urupapuro rwa aluminiyumu cyangwa ishahi yabigenewe cyangwa ukoresheje udusuperi two kubikamo ibyo kurya dufite imipfundikizo. Jya uhita ukuraho ibyo kurya byatakaye hasi, kandi buri cyumweru ujye usukura mu bice by'imbere n'inyuma bya firigo ukoresheje amazi n'isabune.

- Jya ukubura hasi mu gikoni buri muni, kandi buri cyumweru ujye ukoropa ukoresha umuti ukwiriye wo gusukura. Niba uko hasi hakoze mu buryo habasha kwihanganira amazi, urugero hari amakaro cyangwa bwa vinyl, ushobora kuhakoropa ukoresheje isabune n'amazi. Niba hasi hakoze mu buryo bw'ibiti, jya ukoresha gusa umuti wagenewe gusukura ibintu bikoze mu biti.
- Jya usukura firigo mbere yo kuva mu nzu. Uzakenera kwishyura amafaranga yo gusukura niba firigo idasukuye!

# Guteka no Gukora Imigati

Mu gihe uri guteka ibiryo ku mashyiga, buri gihe ujye utangira utekera ku muriro muke hanyuma ugende wongera umuriro buhoro buhoro, niba ari ngombwa, kugira ngo wirinde gutwika ibiryo no gushyiriza igikoresho uri gutekeramo. Iyo ukoresheje umuriro mwinshi cyane, ushobora no gutwika munsu y'isafuriya!



- Jya witonda mu gihe ukoresha ishyiga cyangwa ifuru. Ntuzigere ubisiga biri gukora nta muntu uri kubireba.
- Jya usukura buri munsu ishyiga ryawe, igice gikikije amashyiga, icyokezo n'aho gutekera kugira ngo wirinde ko hazaho ingese, kandi buri gihe jya ucamutsa amavuta gahoro gahoro. Koresha isaha ushyireho igihe cyo guteka kugira ngo wiyibutse igihe ibyo kurya bihiye mu rwego rwo kwirinda gushyiriza ibiryo.
- Mu gihe uducanisho n'utwuma two mu ifuru bishyushye, ntukabikoreho n'intoki. Bishobora kugutwika!
- Ntuzigere ukoresha intoki zawe gusa ngo ukore ku bikoresho byo gutekeramo byari ku ishyiga cyangwa mu ifuru. Buri gihe ujye ukoresha agatambaro koroshye kadatose, udutambaro kurimo ipamba twagenewe guterura ibintu bishyushye, cyangwa uturindantoki two gukoresha mu ifuru kugira ngo urinde ibiganza byawe.
- Kurikiza amabwiriza y'uburyo bwo guteka kugira ngo ushyire umuriro wo mu ifuru yawe ku gipimo cy'ubushyuhe bwo guteka. Nudakurikiza amabwiriza yo guteka, shyira urushinge kuri 350° Fahrenheit mu gihe ugiye guteka no gukora imigati. Iyo wimuye urushinge ukarushyira hejuru cyane, utwika ibyo kurya byawe.
- Jya uhita uhanagura ibyo kurya byose byamenetse ku ifuru cyangwa ku ishyiga bikimara gukonja.
- Ntuzigere uteka ibiryo washyize ku muriro w'uducanisho tw'amashyiga hatariho utwuma twabigenewe!



## Ishyiga n'Ifuru

- Jya uhanagura amavuta n'ibyo kurya byamenetse ku mpande z'ishyiga ako kanya ishyiga rikimara guhora. Jya usukura ishyiga n'ifuru byawe buri muni.
- Amavuta n'ibyo kurya byamenetse cyangwa byashiriye bishobora guteza akaga. Biba bifite impumuro mbi kandi bireshya imbeba, inyenzi n'udukoko.
- Ntugafate ibyo kurya byakonjeshejwe ukimara kubikura muri firigo ngo uhite ubishyira mu mavuta yatuye. Bshobora kugurumana!
- Amavuta yatarukiye hasi ashobora gutuma umuntu agwa!
- Amavuta yatarukiye hasi ashobora guteza inkongi y'umuriro! .
- Ntuzigere usuka amavuta muri ravabo kuko bishobora gukomera no kuzibya imiyoboro y'amazi. Buri gihe ujye ubisuka mu kintu cyangwa mu icupa ririmo ubusa, ushyireho ikimenyetso, maze ubishyire mu kintu ujugunyamo imyanda.



## Microwave (Icyuma gishyushya amafunguro)

- Mbere yo gukoresha igikoresho icyo ari cyo cyose, nk'amasahani, udusahani dufukuye n'ibindi, ujye ubanza usuzume neza niba nta ngaruka bigirwaho na microwave (icyuma gishyushya amafunguro). Niba utabizi neza, ntukabishyire muri microwave (icyuma gishyushya amafunguro).
- Ntugashyire muri microwave (icyuma gishyushya amafunguro) ibintu by'ibyuma, ibikoresho bya pulasitiki bikoreshwa rimwe gusa, utwo gupfunyikamo dukozwe mu mpapuro cyangwa ibikozwe muri styrofoam. Ibikoresho byo gutwaramo ibyo kurya n'ibikoresho bya pulasitiki byo gupfunyikamo ibiribwa bikonje bivuye mu maduka manini ntibishobora gushyirwa muri microwave (icyuma gishyushya amafunguro). .

## Imashini yoza amasahani

- Igitakaramo imyanda yo muri ravabo gisya ibisigazwa by'ibyo kurya. Mu rugo rwanyu hashobora kuba hari igihari muri ravabo y'igikoni.
- Buri gihe ujye usuka amazi akonje mu gihe ukoresha icyo gushyiramo imyanda kugira ngo gisye ibisigazwa by'ibiribwa. Ntuzigere ukoresha amazi ashyushye kugira ngo wirinde ko haziba.
- Ntugashyire muri ravabo cyangwa ikijyamo imyanda ibyo kurya birimo isukari nyinshi nk'amakaroni, umuceri, cyangwa ibishishwa by'ibirayi; ibiribwa birimo fiber nyinshi nka celeri, ibishishwa by'ibigori, cyangwa ibishishwa by'ibitunguru; oats; ibishyimbo; ubunyobwa; amagufwa; ibishishwa by'amagi; ibishishwa by'imbuto; amajyani y'ikawa; amavuta, cyangwa ibindi binure; cyangwa ibindi bintu byose bitari ibyo kurya nk'ibyuma, pulastiki, cyangwa inyandiko ziza zometse ku bicuruzwa. Ibyo bintu bishobora gutuma icyanya gitakaramo imyanda yo muri ravabo kiziba.
- Iyo gitakaramo imyanda yo muri ravabo gifunze cyangwa kikaba kidakora neza, amazi ashobora kugaruka inyuma muri ravabo. Jya uhita ufunga gitakaramo imyanda yo muri ravabo maze uhamagare umuntu ushinzwe kwita ku nzu yawe.
- Ntuzigere ushyira ikiganza cyawe muni y'ikintu kijyamo imyanda!
- Jya usukura ravabo n'igikoresho kijyamo imyanda buri cyumweru ukoresheje isabune n'amazi.
- Niba utuye mu muji usabwa gutunganya ibisigazwa by'ibyo kurya, ujye uteranyiriza hamwe ibisigazwa by'ibyo kurya kandi ukurikize amabwiriza y'inzu yawe ku birebana no gutwara ibisigazwa by'ibyo kurya mu buryo bukwiriye aho gukoresha
- Igitakaramo imyanda yo muri ravabo. Kugira ngo wirinde impumuro mbi n'udukoko, ushobora gushyira ibisigazwa by'ibiribwa byawe mu kintu gikwiriye cyo kubikusanyirizamo maze ukabishyira muri firigo kugeza igihe cyo kubijugunya.

## Ikimoteri


- Mbere yo kujyana imyanda, banza ushyire imyanda mu mifuka y'imyanda.
- Niba utuye mu nyubako y'igorofa, jya usohora imyanda yawe buri munsu, uyishyire mu kimoteri. Ibyo bizakurinda kureshya udukoko, inyenzi n'imbeba, kandi abaturanyi bawe ntibatangire kukwitotombera ku muyobozi w'iyi nzu. Niba uri mu
- nzu y'umuryango umwe, shaka gahunda yo gutwara imyanda yo mu gace utuyemo maze ushyire imyanda yawe aho ikwiriye gushyirwa. .
- Ntuzigere usiga imyanda mu bice rusange by'inyubako, nk'inzira zo mu birongozi, ingazi, n'ibindi, keretse nyir'inzu abisabye.
- Niba mu gace utuyemo hari gahunda yo gutunganya ibisigazwa by'ibikoresho, jya ukurikiza amabwiriza y'uko watandukanya ibintu nk'ibirahuri, ibyuma, imyanda ya pulasitiki n'imyanda y'ibinyabuzima (ibisigazwa by'ibyo kurya n'indi myanda y'ibinyabuzima).



# Umutekano wo mu Bwiherero no Kubwitaho

## Gukora Isuku Rusange

- Jya usukura ibyumba by'ubwogero buri cyumweru, kandi niba hari byamenetsemo, ujye uhita ubisukura. Koresha umuti wo gusukura wagenewe gukoreshwa by'umwihariko mu bwogero kugira ngo usukure ravabo, imbere n'inyuma h'ubwiherero, igikarabiro n'ubwogero. Jya usukura hasi mu bwogero ukoresheje ibikoresho by'isuku bihuje n'uburyo hasi hakoze.




- Ntuzigere wemera ko umusatsi cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose cyinjira mu miyoboro y'amazi. Buri gihe ujye ubitoragura maze ubijugunye mu myanda. Ushobora gukoresha igifuniko cy'umwobo w'umuyoboro w'amazi kugira ngo ufate imisatsi cyangwa ibisigazwa by'ibintu kugira ngo wirinde ko bijya mu muyoboro w'amazi.

## Ibibazo byo mu Bwiherero

- Jya ukoresha uburoso bwo gusukura ubwiherero n'imiti isukura ubwiherero kugira ngo usukure imbere mu bwiherero buri cyumweru cyangwa uhite usukura niba hariyeho ibizinga bikomeye. Jya uhanagura inyuma y'ubwiherero buri cyumweru. Jya uhita uhanagura ibindi bintu byamenetse hasi.
- Ntuzigere usunikisha amazi ikindi kintu icyo ari cyo cyose uretse impapuro z'isuku mu bwiherero. Ntuzigere usunikisha amazi mu bwiherero ibikoreho by'isuku by'abagore, imyanda, ibyo kurya, impapuro zo kwihanagura amazi, impapuro z'isuku nyinshi cyane cyangwa ibindi bintu. Niba ari wowe watumye ubwiherero buziba, nyir'inzu ashobora kukwishyura amafaranga yo kubusana.
- Jya wigisha abana bawe kudasuka ibikinisho byabo cyangwa ibindi bintu mu bwiherero.
- Mu gihe ubwiherero bwuzuye amazi akameneka, ujye uhita muhamagara umuyobozi w'iyi nzu! Jya uhita ukoropa ayo mazi yamenetse vuba uko bishoboka kose.
- Ntukagire ikindi kintu icyo ari cyo cyose ukoresha uburoso bwo mu bwiherero!



## Amazi Atonyanga cyangwa Ayamenetse



- Jya ukoresha umwenda utangira amazi yo mu bwogero kugira ngo amazi atagera hasi igihe uri kwiyuhagirira mu ibase nini yo kogeramo. Buri gihe jya ucengeza igice cyo hasi cy'umwenda utangira amazi imbere mu ibasi nini y'igikarabiro. Jya ushyira agatapi gato hanze y'ibase nini yo kogeramo kugira ngo amazi atajya atembera hasi. Niba amazi yaguye hasi, buri gihe ujye uhita uyahanagura.
- Iyo muni mu gikarabiro hatose, hashobora kuza ubunyereri. Gushyira imbere mu gikarabiro agatapi k'umutekano ko kogeraho bishobora kurinda umuntu kugwa.
- Mu gihe hazibye cyangwa hari amazi arimo gutonyanga, ihutire guhamagara umuyobozi w'inzu yawe! Uzasabwa kwishyura ibyangiritse utigeze utangaza ko byangiritse. Niba ari wowe watumye haziba, nyir'inzu azagusaba kuyisana.

# Umutekano w'Aho Kumesera Imyenda n'Uburyo bwo Kuhitaho

## Gukora Isuku Rusange

- Jya utoranya imyenda yanduye uyitondeke ukurikije amabara akeye n'ayijimye kugira ngo uyimese amabara atavangavanze.
- Jya ukurikiza amabwiriza yatanzwe ari ku myambaro yawe. Mu gihe nta mabwiriza asobanutse ahari, koresha amazi akonje mu gihe umesa imyenda yijimye cyangwa igihe utazi neza niba izacuye. Koresha amazi y'akazuyazi mu gihe uri kumesa imyenda y'amabara akeye.
- Mu gihe ukoresha imashini yo kumesa, jya ukoresha gusa imiti yo kumesa yabigenewe (amasabune y'ifu, amasabune y'amazi, cyangwa pod), kandi ukurikize amabwiriza y'uko ayo masabune yongerwa muri iyo mashini. Ntugakoreshe isabune isanzwe yo gukaraba intoki cyangwa ibindi bikoresho by' isabune.





- Jya ukurikiza amabwiriza yo gukoresha imashini yo kumesa no kumutsa imyenda. Ntugashyire mu mashini yo kumesa cyangwa iyumutsa imyenda myinshi irenze iyo igenewe kumesa.
- Mbere na nyuma yo kumutsa, jya usukura icyuma gikuraho ibintu byapfutse ku myenda cyo mu mashini yumutsa. Kudakuramo ibintu byapfutse ku myenda bishobora guteza inkongi y'umuriro.
- Ntuzigere usigamo imyenda yawe nta muntu uhari ngo ayikurikirane. Nyuma yo kumesa cyangwa kumutsa, jya uhita ukuramo imyenda yawe. .

# Umutekano Rusange wo mu Rugo no Kubungabunga

## Ahahurira Insinga z'Amashanyarazi (Agasanduku Gakupirwamo Umuriro)

- Mu rugo rwawe, ushobora gusanga ku rukuta hari urugi ruto. Ruba rurimo insinga zikupirwamo umuriro w'amashanyarazi. Ntuzigere ubikoresha nabi, kandi ujye utoza abana bawe kutabikoraho.
- Mu gihe ubonye ko hari ikintu cyangiritse, ntukagerageze kugikemura wowe ubwawe. Jya uhita ubimenyesha umuyobozi w'inzu ubamo.



## Impombo z'Amazi

- Uzabona imiyoboro y'amazi n'impombo z'amazi biri muni ya ravabo zose, hafi y'ubwiherero, cyangwa inyuma y'ibikoresho. Ntuzigere ubikoresha nabi, kandi ujye utoza abana bawe kutabikoraho.
- Niba ubonye amazi atonyanga ava mu miyoboro y'amazi cyangwa mu mpombo z'amazi, ugomba kubimenyesha uhamagara ubuyobozi bw'inzu yawe ako kanya. tuzatinde. Uzasabwa kwishyura ibyangiritse utigeze utangaza ko byangiritse. .

## Ibice Uhuriramo n'Abandi

- Ntukabike ibintu byawe bwite cyangwa imyanda ahantu hahurira abantu benshi.
- Jya wigisha abana bawe ko batagomba kwiruka cyangwa gukinira ahantu abantu benshi bahurira.




## Ubusitani

- Niba inzu yawe ifite ubusitani (imbere, inyuma cyangwa ku ruhande), jya usuzuma amasezerano yawe y'ubukode kugira ngo umenye inshingano zawe mu birebana no kubungabunga ubusitani. Niba amasezerano y'ubukode agaragaza ko kwita ku busitani ari inshingano z'ukodesha, ugomba kwita ku busitani ukurikije amasezerano y'ubukode.
- Kwita ku busitani bikubiyemo kubwuhira no gukata ibyatsi mu buryo buhoraho. Mu mijyi imwe n'imwe hashobora kuba hari amategeko abuzanya kuhira ubusitani, bityo uje ugenzura kandi ukurikize amategeko agenga ibyo kuhira yo mu gace utuyemo.




# Umutekano

## Impuruza z'Umwotsi



- Impuruza z'umwotsi ni ibikoresho bito bikunda gushyirwa mu gisenge cyangwa hejuru ku nkuta, bikakuburira binyuze mu ijwi riranguruye, ijwi rivibura mu gihe byumvise ibise n'umwotsi kugira ngo ugire icyo ukora kugira ngo uve aho hantu mu buryo butekanye cyangwa uhashye inkongi.
- Ba nyir'inzu bafite inshingano yo gutanga impuruza z'umwotsi zikora mu nzu yawe hakurikijwe amategeko y'aho utuye.
- Impuruza nyinshi z'umwotsi ziba bifite bateri. Ni wowe ugomba kugenzura ko zikora, kandi buri mwaka ugomba gusimbuza za batiri. Jya uhitamo umunsi wumva ko ari uw'ingenzi kuri wowe, cyangwa se ushyire isaha muri telefoni yawe izakwibutsa kujya gusimbuza batiri zawe. Iyo batiri irimo umuriro muke, uhita wumva urusaku rudakabije rw'akanya gato ruguma ruza. Simbuza batiri, urwo rusaku ruzahita ruhagarara.



- Ntuzigere uzimya, ukuraho cyangwa ngo ujugunye impuruza z'umwotsi!
- Mu gihe ugiye kwimukira mu nzu, ujye ugenzura buri mpuruza y'umwotsi ukanda cyane kuri buto yayo iri imbere. Jya uhora ukora iryo suzuma buri gihe. Niba impuruza y'umwotsi idakora, ihutire kubimenyesha umuyobozi ushinzwe inzu.
- Niba hejuru y'ishyiga ryawe hari icyuma gifata umwotsi, gikoreshe mu gihe uri guteka kugira ngo ugabanye umwotsi ujya mu kirere. Niba impuruza y'umwotsi isakujemu gihe uri guteka ariko nta mwotsi n'inkongi bihari, yicecekeshe ukoresheje buto iri imbere yayo. Jya usukura ikirere ukoresheje uburyo bwo kuzunguza agatambaro hafi y'impuruza kandi ufungure idirishya. .

# Inkongi

- Menya aho ibikoresho byo kuzimya inkongi y'umuriro biri mu nzu utuyemo cyangwa mu nyubako, kandi umenye uko wabikoresha mu buryo bukwiriye.
- Inyubako nyinshi zo muri iki gihe ziba zubatseho ibyuma byo kurekura umwuka wo kuzimya umuriro. Ibyuma bizamura umwuka wo kuzimya umuriro bizatangira kwikoresha igihe habonetse umuriro.
- Ntuzigere usuka amazi ku muriro w'amavuta! Ushobora kuzimya umuriro w'amavuta ukoresheje umupfundikizo cyangwa inkono, cyangwa se ukoresheje ifu kugira ngo uwuzimye.
- Mu gihe umuriro ukiri muke, gerageza kuwugabanya uwupfundikira ukoresheje indi safuriya cyangwa umupfundikizo.
- Niba umuriro ari mwinshi, koresha ibikoresho byagenewe kuzimya inkongi y'umuriro nk'uko wabyeretse. Nyuma yo gukoresha ikintu icyo ari cyo cyose, ujye ubimenyesha ushinzwe gucunga inzu yawe kuko agomba kongera ingufu mu gikoresho cyawe cyo kuzimya umuriro kugira ngo kizabashe kugira icyo gikora ubutaha nugikenera.
- Niba hari inkongi mu nzu yawe kandi ukaba utekereza ko udashobora
- kuyihashya, cyangwa hari inkongi mu nyubako y'aho utuye, **SOHOKA MU NYUBAKO WOVE N'ABAGIZE UMURYANGO WAVE MU MAZE MUHAMAGARE 9-1-1!**
- **UBUZIMA NI BWO BW'INGENZI CYANE KURUSHA IBINTU!** Mu gihe usohoka mu rugo rwawe cyangwa mu nzu yawe, jya ugenze wunamye cyane kugira ngo unyure muni y'umwotsi kandi wirinde kuwuhumeka. Jya hanze niba bishoboka. Bwira abaturanyi vuba uko bishoboka kose.
- Buri gihe jya ukoresha ingazi mu gihe cy'inkongi y'umuriro. Ntukigere winjira muri asanseri ushaka guhunga inkongi y'umuriro. Niba wumva urugi rushyushye, ntukarukingire. Sohoka unyuzemo mu idirishya ry'igorofa ryo hasi cyangwa ahagenewe kuzanyurwa mu gihe cy'inkongi cyangwa utegerereze ubutabazi ku idirishya. Koresha ibitambaro bitose
- ubifungishe muni y'inzugi no mu mpande zazo kugira ngo umwotsi utinjira, kandi ukoreshe agatambaro gasukuye kugira ngo ugahumekeremo.

# Impuruza y'Umwuka wa Karuboni

- Uretse impuruza z'umwotsi, amazu menshi afite n'impuruza zimenyekanisha umwuka wa karuboni. Niba amategeko y'aho utuye abisaba, ba nyir'inzu bafite inshingano yo kuzishyira mu nzu yawe.
- Umwuka wa karuboni ni umwuka uteza akaga, utagaragara, ushobora no gutera indwara z'ibyorezo ku kigero cyo hejuru.
- Iyo umwuka wa karuboni urenze urugero, iyo mpuruza izakuburira isakuza cyane inshuro nyinshi, ivibura cyangwa binyuze mu kumyasa udutara. Impuruza niramuka ivuze, jya uhita usohoka mu nzu, kandi ubimenyeshe umuyobozi ushinzwe iyo nzu.
- Genzura impuruza z'umwuka wa karuboni hamwe n'ibyuma bimenya ko hari umwotsi. Akenshi biba biri ahantu hamwe.

# Inzira zo mu birongozi

- Jya ukura ibikoresho byawe byo mu nzu n'ibintu byawe bwite mu nzira z'ibirongozi no mu duce abantu bahuriramo.
- Kugirira isuku ibice by'inyubako uhuriramo n'abandi bizagufasha kugirana imishyikirano myiza n'abaturanyi, kandi bitume inzu ubamo irushaho kugira umutekano.
- Inzira z'ibirongozi n'ahantu uhurira n'abandi hazuyemo ibintu hashobora guteza akaga kandi bishobora kukubera umuteko mu gihe habaye imimerere yo kwitabara byihutirwa.



## Ibirahuri by'Amadirishya n'inzugi

- Ibirahuri by'amadirishya n'inzugi ni ingenzi kugira ngo abana n'inyamanswa zo mu rugo bitinjira mu nzu ndetse no kugira ngo udukoko n'inyamaswa z'agasozi bitinjira.
- Niba hari ibirahuri bitarimo cyangwa bikaba byaramenutse, hamagara ushinze gukurikirana inyubako!

## Ibibazo by'Ubuwuzi Byihutirwa

- Hamagara 9-1-1 niba hari umuntu wakomeretse cyane cyangwa urwaye cyane!
- Abatabazi bazaza gutabara ako kanya. Mu gihe bamaze kumenya ikibazo ufite, bashobora kugufasha kumenya niba ukeneye imodoka itwara abarwayi kugira ngo ilugeze ku bitaro.
- Hari serivisi zimwe na zimwe ushobora kuba ugomba kwishyura, urugero nko kujya kwa muganga uri mu modoka itwara abarwayi.



# Kunywa itabi

- Ibyumba byinshi byo gukodesha byo muri Amerika ntibikwemerera kunywera itabi mu nzu yawe. Urasabwa kunywera itabi gusa mu duce twemewe kandi twagenwe
- Imyotsi y'itabi ryo muri Amerika ikomeza kwaka n'iyi waba utari kurinywa.
- Buri gihe ujye ugenzura neza ko itabi ryazimye neza kandi ko ritakiri kwaka na gahoro mbere yo kurijugunya.
- Uzajya wishyuzwa ibyangijwe n'itabi mu nzu yawe byose, harimo n'ibyangijwe n'umwotsi harimo ibizinga by'itabi byagiye ku kintu icyo ari cyo cyose (urugero nk'inkuta, igisenge, ibyuma, hasi, ku meza yagenewe guterekaho ibintu cyangwa ibikoresho byo mu nzu), ndetse n'impumuro y'umwotsi.
- Ntukanywe itabi uri kumwe n'abana cyangwa abagore batwite.




# Gufunga, Imfunguzo, Abantu Utazi

- Ntuzigere ukingura urugi cyangwa ngo ukoreshe uburyo bw'itumanaho kugira ngo ureke umuntu utazi yinjire mu nzu yawe cyangwa mu rugo rwawe. Abakora mu mirimo yo kubungabunga inzu bazakuburira mbere y'igihe ko bahageze.
- Niba ubonye abantu bari kwiba, hamagara 9-1-1!




- Buri gihe ujye ukinga inzugi n'iyi waba uri mu rugo. Mbere yo kugenda, ujye ufunga amadirishya n'inzugi ku mpamvu z'umutekano.
- Ntukemerere abantu utazi kwinjira mu muryango w'icyumba cyo mu kirongozi. Mbere yo kureka abantu bakinjira mu nzu, ujye ubanza ubasabe imyirondoro yabo, harimo n'abambaye impuzankano.

- Niba wibagiwe imfunguzo zawe cyangwa ukaba uri hanze y'inzu yawe, ugomba kwishyura nyir'inzu kugira ngo agufungurire urugi. Bishobora kugutwara \$50 cyangwa arenga. Niba utakaje imfunguzo, ugomba kwishyura nyir'inzu kugira ngo aguhe izindi imfunguzo cyangwa yice inzugi zose azisimbuze.



# Parikingi


- Amazu amwe n'amwe hamwe n'inzu z'amacumbi bitanga aho imodoka zihagarara. Bitewe n'ikigo cyawe, ushobora kwishyura amafaranga y'inyongera y'ahantu ho guparika.



- Kurikiza amategeko agenga parikingi y'inzu ubamo. Niba ufite umwanya wa parikingi wahawe, ujye uparika gusa mu mwanya wawe wahawe kandi ntuzigere uparika mu myanya y'abandi bakodesha.
- Aho imodoka ziparika si ahantu ho gukinira. Ntugasige abana bari bonyine.

# Pisine

- Amazu y'amacumbi amwe n'amwe aba afite pisine mu bice rusange.
- Menya amategeko agenga pisine yo mu nzu utuyemo kandi uyakurikize. Pisine ziboneka gusa mu masaha amwe y'umunsi kandi zishobora gufungwa mu gihe cy'itumba.
- Abana bashobora kugwa muri pisine mu buryo bworoshye. Ntukemere ko abana bakinira kuri pisine bonyine batari kumwe n'umubyeyi cyangwa umurezi ubitaho, baba bambaye cyangwa batambaye ikote ry'ubwirinzi ryo mu mazi. Ikote ry'ubwirinzi ryo mu mazi ntirigomba gusimbura umuntu mukuru wo kumureberera.
- Ntimugashyire ibyuma muri pisine.




# Ubwishingizi bw'Abakodesha

- Nyir'inzu ashobora kugusaba ubwishingizi bw'abakodesha inzu, ariko ni byiza kugira ubwishingizi bw'abakodesha inzu kabone n'iyi bwaba budasabwa. Burengera ibintu byawe mu gihe byaba byangiritse.
- Reba mu masezerano y'ubukode niba ubwishingizi bw'abakodesha burimo.
- Jya usuzuma neza amabwiriza y'ubwishingizi bwawe bw'abakodesha inzu kugira ngo umenye neza ibyo bwishingira.



# Mu gihe cy'itumba


- Bwira umukozi ushinzwe dosiye yawe cyangwa ushinzwe kwita ku nzu kugira ngo bakwereke uko wazana ubushyuhe n'uko wakoresha icyuma kiregera ubushyuhe n'ubukonje mu gihe cy'itumba.
- Iyo ubushyuhe bwo hanze bugabanutse bukagera muni y'ubukonje (32° F or 0° C), imiyoboro y'amazi yo mu nzu yawe ishobora gukonja akaba barafu kandi ikangirika.
- Kugira ngo wirinde ko amazi yo mu miyoboro akonja akaba barafu, ni iby'ingenzi ko umuriro wo mu byuma by'ubushyuhe uguma ku gipimo kiri hejuru ya 55° F.
- Niba ugiye kumara igihe kirekire udahari, ushobora no gufungura robine zawe kugira ngo amazi akomeze atemba buhoro cyane kugira ngo wirinde ko imiyoboro y'amazi ikonja ikaba barafu.
- Jya wirinda gufunga imiyoboro yose yo hanze y'amazi cyangwa ibigega by'amazi mu gihe cy'ubukonje bwinshi.
- Ongerera usuzume amasezerano yawe y'ubukode urebe niba hari ibindi bintu usabwa gukora mu gihe cy'itumba, urugero nko kuvana urubura mu nzu yawe



# Amabaruwa yo ku Iposita n'Amatangazo

## Amabaruwa n'Amatangazo Yamanitswe

- Buri muni uje ugenzura mu gasanduku k'iposita hanyuma utware mu rugo rwawe amabaruwa wohererejwe.
- Jya usoma ubutumwa bwose wohererezwa ku iposita, kandi ibyangombwa by'ingenzi ubishyire ahantu hizewe.
- Ntukajye ujugunya "ubutumwa butari ngombwa" hasi ku bwinjiriro. Ahubwo uje ubushyira mu kintu gishyirwamo imyanda ikurwamo ibindi cyangwa mu myanda.
- Saba umukozi ushinzwe dosiye yawe agufashe niba hari ikintu kiri mu iposita yawe udasobanukiwe.
- Iyo utakaje urufunguzo rw'agasanduku kawe k'iposita, ushobora kwishyura amafaranga yo kurusimbura.
- Niba hari itangazo ryemewe ryamanitswe ku rugi rw'inzu yawe, ugomba guhita urisubiza! Uko ni ko amabwiriza yo gusohoka mu nzu atangwa.



## Ubusabe bwo Gusana

- Nyir'inzu akunze kugusaba ko wandika cyangwa ukandika mu buryo bw'ikoranabuhanga ubusabe bwo kubungabunga inzu mbere yo kuyisana. Koresha urubuga rwa interineti rwo gusabiraho ubufasha bwo kwita ku nyubako, cyangwa usabe ushinzwe dosiye yawe kugufasha.
- Urubuga rwa [Refugee Housing Solutions](#) rufite ifishi yo gusaba gusana ushobora gukoresha.

Ingero z'ubusabe bwo gusana zirimo:

- Ubwiherero bwanjye bwazibye.
- Ikintu gitakaramo imyanda yo muri ravabo ntigikora.
- Ibirahure byanjye bikeneye gusanwa.
- Ishyiga ryanjye ntirikora.
- Robine yanjye iratonyanga.


# Uko Waba Umuturanyi Mwiza

## Urusaku, Gukemura Ibibazo, Inyamaswa zo mu rugo

- Reba mu masezerano y'ubukode ibijyanye n'amasaha y'ituze. Ubusanzwe amasaha y'ituze ni kuva 10:00 z'umugoroba kugeza saa 8:00 za mugitondo, ariko bishobora gutandukana bitewe n'ahantu. Mu masaha y'ituze, turagusaba ko abana n'abashyitsi bakomeza gutuza, ibiganiro bigakorwa bucece, kandi umuziki ntuvugwe cyane.
- Ugomba gukurikiza amategeko yerekeye urusaku ari mu masezerano yawe y'ubukode.
- Niba hari ibyo mutumvikanaho n'abaturanyi bawe, gerageza kubikemura mufatanyije. Niba mudashobora gukemura ibyo mutumvikanaho, saba ubufasha umuyobozi ushinze dosiye yawe cyangwa ushinze inyubako.
- Reba mu masezerano y'ubukode niba hari amabwiriza agenga inyamaswa zo mu rugo, amafaranga azishyurwa n'ibihano bizatangwa. Mu mazu amwe n'amwe, bishobora kuba bitemewe gutunga inyamaswa zo mu rugo. Ku mazu yemerera abantu gutunga inyamaswa zo mu rugo, ubusanzwe basaba ko utanga amafaranga yo gutunga inyamaswa/cyangwa amafaranga ya buri kwezi yo gutunga inyamaswa yo mu rugo. Ntukinjize inyamaswa yo mu rugo mu nzu utabanje kubimenyesha nyirayo.
- Jya umenya neza inyamaswa wemerewe gutunga n'ibilo by'innyamaswa ugomba gutwara. Niba udakurikije amategeko agenga inyamaswa zo mu rugo nk'uko byasobanuwe mu masezerano y'ubukode, nyir'inzu azagushyiriraho igihano cy'innyamaswa yo mu rugo. Bishobora kugutwara amafaranga menshi. .



# Gukoresha Neza Umuriro



## Icyuma kiregera ubushyuhe n'ubukonje


- Ubusanzwe abakodesha bishyura ubushyuhe bwabo n'umwuka w'ubuhere (ubukonje) binyuze muri fagitire y'amashanyarazi na/cyangwa gazi. Izo fagitire z'ibikenerwa by'ibanze zishobora kugutwara amafaranga menshi cyane. Dore inama zagufasha kugabanya amafaranga ukoresha ku bikenerwa by'ibanze:
  - Icyuma kiregera ubushyuhe n'ubukonje (ubusanzwe gishyirwa ku rukuta) kigenzura ubushyuhe bwo mu nzu yawe. Mu gihe cy'impeshyi (niba ufite ibyuma bikonjesha mu nzu), icyuma kiregera ubushyuhe n'ubukonje kigomba gushyirwa ku gipimo kiri hagati ya 70 na 75° F, naho mu gihe cy'itumba ukagishyira ku gipimo kiri hagati ya 65 na 75° F ku bushyuhe. Gucana igihe kinini icyuma kiregera ubushyuhe n'ubukonje ntibituma ubushyuhe bwiyongera vuba, kandi uramutse ukirekeye ku bushyuhe bwo hejuru, bizatuma wishyura amafaranga menshi.
  - Mu gihe ugiye kumara igihe kirekire utari mu nzu yawe, ntukazimye icyuma kiregera ubushyuhe n'ubukonje. Mu gihe hari ubukonje, icyuma gishyushya ntukagishyire muni ya 55° F.
- Niba icyuma cy'ubushyuhe cyangwa ibyuma bikonjesha biri gukora, amadirishya agomba kuba afunze.
- Buri gihe jya uzimya amatara menshi n'ibikoresho by'imyidagaduro igihe uvuye mu rugo. Jya usiga ucanye itara rimwe cyangwa abiri kugira ngo abajura bagire ngo hari umuntu uri mu rugo.

## Consejos útiles

- Ntukigere ufungura amadirishya igihe icyuma cy'ubushyuhe kiri kwaka!
- Niba uri kumva akayaga gahuha hafi y'inzugi n'amadirishya bifunze, saba nyir'inzu gushyiraho ibikoresho byo gukingira ku nzugi n'amadirishya kugira ngo umwuka ukonje ugume hanze.
- Kwambara imyenda y'in Yongera harimo amasogisi, ipantalo ndende n'imyenda yo hejuru ifite amaboko, bizatuma ushyuha kandi bizatwara amafaranga make ugereranyije no kongera ubushyuhe. !
- Ntuzigere ukoresha ishyiga cyangwa ifuru kugira ngo ushyushye mu nzu!
- Jya uhora wafunze inzugi za firigo mu gihe nta kintu uri gukuramo. Gusiga inzugi za firigo zirangaye bimara umuriro bikanangiza ibyo kurya birimo, bikakuviramo uburwayi.



# Incamake



1. Ishyura za fagitire zawe.




2. Rangwa n'isuku y'ibikoresho.



3. Ita ku mutungo.



4. Menya uko wahangana n'inkongi n'ibindi biza.



5. Itondere ubutumwa bwo ku iposita n'amatangazo.



6. Ba umuturanyi mwiza.



7. Wisesagura umuriro.